# IMYANZURO Y'INAMA Y'INTEKO RUSANGE YA MUGANGA SACCO

## IMYANZURO Y'INAMA Y'INTEKO RUSANGE YO KUWA 28 UKWAKIRA 2021

01

Hemejwe ko ikigo HSS-MAG (Health Sector Staff Mutual Aid Group) cyakoraga nk'ikimina gihinduka Koperative yo Kuzigama no Kugurizanya y'Abakozi bakora mu rwego rw'ubuzima mu Rwanda;

02

Hatowe abagize inzego za Koperative arizo Inama y'Ubuyobozi, Komite Ngenzuzi na Komite y'Inguzanyo;

03

Hemejwe ko koperative itangiranye imari shingiro ingana na 43,371,407 Rwf, umugabane waburi mu nyamuryango ukaba ari amafaranga 10,000 Rwf;

04

Hemejwe Amategeko Ngenga (Bylaws) n'amategeko n'amabwiriza y'imbere (Internal rules and regulations) azagenga Koperative;

# IMYANZURO Y'INAMA Y'INTEKO RUSANGE YO KUWA 24 WERURWE 2022

01

Bimaze kugaragara ko hari abanyamuryango bazigamye arenze 5% y'umushahara, hemejwe ko Inama y'Ubuyobozi iziga kuburyo bunoze bwo gucunga ubwizigame burenze kuri 5% y'umushahara kuburyo bidahungabanya koperative. Bikazemezwa mu Inama y'Inteko Rusange ikurikira;

02

Hemejwe icyicaro gikuru cya koperative MUGANGA SACCO, mu Mujyi wa Kigali, Akarere ka Kicukiro, Umurenge wa Kicukiro, Akagari Gasharu;

03

Inama y'Inteko Rusange yemeje amategeko n'amabwiriza y'Agasanduku ko Gutabarana (Funeral Solidarity Fund policy);

04

Hemejwe kuzamura umugabane shingiro ukava ku mafaranga ibihumbi icumi (10,000 Frw) ukagera ku ibihumbi mirongo itanu (50,000 Frw) by'amafaranga y'urwanda;

05

Abagize inzego za Koperative barahiriye imbere y'Inama y'Inteko Rusange, indahiro zakiriwe n'uhagarariye Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Kicukiro.

# IMYANZURO Y'INAMA Y'INTEKO RUSANGE YO KUWA 24 UGUSHYINGO 2022

01

Hemejwe iyimurwa ry'ubwizigame burenga kuri 5% by'umushahara bugashyirwa kuri konti ntayegayezwa mu gihe cy'imyaka 3, inemeza n'inyungu yayo ya 3% ku mwaka, ariko iki gikorwa kikaba kitareba abafashe inguzanyo zishingiye ku bwizigame;

02

Hemejwe RSK Ltd nk'umugenzuzi wigenga, akazakora iyo mirimo mu myaka itatu ikurikirana (2022, 2023, 2024);

03

Kubusabe bwa Banki Nkuru y'Igihugu, Inama y'Inteko Rusange yemeje impinduka mu mategeko shingiro n'amategeko ngengamikorere (Bylaws and Internal Rules & Regulations).

# IMYANZURO Y'INAMA Y'INTEKO RUSANGE YO KUWA 05 MATA 2023

01

Hemejwe ko abayobozi b'ibigo bitandukanye byo mu rwego rw'ubuzima bashishikariza abakozi kujya muri Muganga SACCO;

02

Hemejwe ko hakorwa urutonde (listes) y'abafite imyenda itishyurwa, bagakurikiranwa mu bigo bakoreramo;

03

Umugenzuzi Wigenga yemeje ko Muganga SACCO ari ikigo gihagaze neza;

04

Hakurikijwe Amabwiriza rusange No 60/2023 yo ku wa 27/03/2023 agena ibipimo ngenderwaho by'imicungire myiza y'ibigo by'imari iciriritse byakira amafaranga abitswa, hemejwe ko urwunguko rwo muri 2022 rungana na miliyoni 32, rushyirwa mu mari bwite (equity).

@mugangasaccorw
Kicukiro, Silverback, 1st flr + (250) 0788 124 500 info@mugangasacco.rw www.mugangasacco.rw